0321

K0141574

| | | |
|---|---|---|
| Identification | : | RTLM N° 21 0321 le 31/12/93 |
| Duration | : | 60min. |
| Transmission | : | Radio RTLM |
| Quality | : | Good |
| Name of translator: | | MUKANYILIGIRA Joséphine |
| Date of transcription: | | 20/11/1998 |
| Date of translation: | | |
| Name of file | : | c:\tran\rt.321 |
| Dictaphone | : | Express Writer model on BI-85 SER 11727 |

K0141375

***Summary of enclosure***

**SIDE A**

1. Intervew between GAHIGI Gaspard (Journalist of Radio RTLM) and BIKINDI Simeo
(musicien)

2. Annoncements in national language by GAHIGI Gaspard.

K0141376

SIDE A

Speaker:
BIKINDI: Yeee ...agomba kuriha Inkotanyi, agomba kuziha ibyo yazemereye, ariko ku rundi ruhande bene Sebahinzi nabo bakaba babyanze.

Speaker:
GAHIGI: Bene Sebahinzi mu gihe cyashize wavugaga ko bamaranye ariko ubanza batangiye kumvikana noneho.

Speaker:
BIKINDI: Bene Sebahinzi ubu ngubu ...

Speaker:
GAHIGI: Bene Sebahinzi .... ntabwo bakimarana.

Speaker:
BIKINDI: Ngo utera impundu z'isuka ajya mu mbere, yeee.

Speaker:
GAHIGI: Ariko BIKINDI waje hano uvuga ko ufite ubwoba nagirango wongere usubirire mu batwumva ikintu kiguteye ubwoba.

Speaker:
BIKINDI: Jye mfite ubwoba koko, navuze koko rero mfite ubwoba, ubwoba ntewe n'abanyabwenge, abanyabwenge babanyabwira babandi banga umugayo, bamwe babuze abo babwira ni uko bahitamo ubwigunge. Ubu barigunze.

Speaker:
GAHIGI: Iii...

Speaker:
BIKINDI: Mbwira abumva niko mukunze kunyita, njye mfite ubwoba, njye mfite ubwoba bw'ubu bwire, mfite ubwoba bw'ubu bwire. Dore burije sin'akabwibwi, ahubwo habaye icuraburindi, kandi izuba ng'iririya. Mbwira abumva njye mfite ubwoba, mfite ubwoba njyewe n'abanyabwenge bazi ubwenge bafite ubwonko, bamwe bize na kaminuza, ariko kubera inda yabarenze baburanduye mu gihanga maze barangamira ifaranga. Ng'iki ikinteye ubwoba, eee... ng'iki ikinteye ubwoba, kuri radiyo bati: Turavugira abaturage, turavugira abaturage kandi mu byukuri bavugira inda yabo. Ngirango nanjye ndi mu bumva RTLM, naraye numvise uburiganya bwabaye, kugirango TWAGIRAMUNGU aburizemo congrès yo ku Kabusunzu, ngirango ntabwo nakwiririwa mbisubiramo cyane, abanyarwanda bose babyumvise, ariko kandi icyo nasaba RTLM, abo twagiye duhura bamwe bavuze bati, bakubita agatoki ku kandi, bavuga bati kuki tutabyumvise, ubwo mubonye akanya muri iyi minsi cyangwa se none mwabacishirizaho nibura ako gapande gatoya MUGENZI yavuze, kuko urambajije uti : Bene Sebahinzi aho ntibatangiye kwiyunga, batangiye kwiyunga kuko ririya banga mugenzi yavuze rirakomeye cyane, rirakomeye rirakomeye ririya joro, ririya joro koko Rukokoma atibuka, ririya joro tutari tuzi

ko ariko byagenze, hari n'ibindi byabwitswe, buriya bene Sebahinzi beruye twamenya n'ikishe RWAMBUKA tukamenya ikishe GAPYISI. Maze ibintu bikajya inzira imwe kandi hari abanyarwanda babizi, muri bene Sebahinzi harimo ababizi, babitangaje rero ibintu byajya ahagaragara maze ibintu bigacacuka, ng'iki ikinteye ubwoba.

Speaker:
GAHIGI: Murakoze BIKINDI Simoni kuko ikintu kitwa politiki y'inda, ni politiki mbi cyane, politiki ishingiye ku nyungu z'umuntu bwite ku nda uti: Abanyabwenge bishakira ifaranga, ni politiki idashobora kugeza igihugu kure, ubwo rero koko umuntu ukora politiki igamije amajyambere ya rubanda, akwiye gukora iyo ngiyo, ariko gukora politiki y'ubusambo y'ubusahira nda, ntabwo ariyo izazamura iki gihugu ariko ndabona BIKINDI uvuga uti reka mvuge akajambo ka rurangiza hanyuma nigendere.

Speaker:
BIKINDI: Murakoze rwose ntabwo mvuga byinshi, abanyapolitiki bacu bati : HABYARIMANA yategekesheje igitugu haa! Ahaa! Ko ubanza aribwo turi mu gitugu koko kandi ko abanyarwanda babibonye, turi mu gitugu, ndibuka meeting yabereye kuri stade régional i Nyambirambo bati : HABYARIMANA ngo noneho ngo yatwatse ngo abantu batatu ngo arahitamo Minisitiri w'intebe, bati ibyo ntibishoboka, bati ibyo ntibishoboka turamuha umwe niba amwanze ahubwo aveho. Eee, niba amwanze aveho. HABYARIMANA nkuko asanzwe ari umubyeyi ibyo yari yasabye, ibyo yari yasabye abisaba nakwita abana be, abonye batangiye gukambya imitsi yarabyemeye.

Speaker:
GAHIGI: Kandi njye ikintangaza ni uko abo ngabo bavugaga bati emera icyo amashyaka aguhaye, ubu ngubu aribo barimo kuvuga bati ahubwo ntitubyemera.

Speaker:
BIKINDI: Ntitubyemera.

Speaker:
GAHIGI: Kandi ejobondi aribo basakuzaga bavuga bati: Politiki ishingiye ku mashyaka menshi niba ishyaka riguhaye abaminisitiri bemere, none amashyaka yamuha abaminisitiri ati simbemera.

Speaker:
BIKINDI: Simbemera, niyo ya mibare rero ...

Speaker:
GAHIGI: Kandi akavuga ko yarwanyaga igitugu.

Speaker:

BIKINDI: Niyo ya mibare rero maze ku kwereka, nicyo cya gitugu ashaka kuko afite umwenda ukomeye cyane, TWAGIRAMUNGU afite umwenda ukomeye cyane wa FPR. Afite umwenda agomba kuriha, afite umwenda agomba kuriha kandi ahubwo ndetse jye nagirango wenda nicyo cyaha, sindi premier Ministre. Ariko ashatse rwose yakwemera agakorera abanyarwanda. Murakoze.

Speaker:
GAHIGI: Murakoze nagirango umutekinisiye adushyirireho umuzika, mukomeze mugire umunsi mwiza mwumva RTLM.

Speaker:
GAHIGI: ...Bikomeje ubu bakaba bafunze rond-point kandi bakavuga ko bazakomeza kwigaragambya mpaka TWAGIRAMUNGU ashyizeho Gouvernement, kandi akumva n'ibitekerezo byabo. RUKOKOMA rero uvuga ko ngo yarebye factions zose kugirango ashyireho gouvernement abantu bo muri PSD nabo baravuga bati twizere ko NYUNGURA yakugejejeho lisiti yacu nayo ukaba uyifite ubwo noneho washyira abantu muri gouvernement na PSD NYUNGURA nabo bikabageraho.
. Nkagirango ... noneho... ngo izajyaho ejo saa ine. Ibyo bikaba bimaze gutangazwa na Ministri w'intebe Madamu UWIRINGIYIMANA Aghatte mu kiganiro yagiranye n'abanyamakuru. Ngo rero imihango ikazatangira Perezida arahira noneho n'abaminisitiri bakarahira ni uko gouvernement ikajyaho ejo saa ine ni ibimaze gutangazwa na Minisitiri w'intebe UWIRINGIYIMANA Aghatte.
Indi nkuru ni uko KANYARENGWE ari bugirane ikiganiro n'abanyamakuru saa cyenda kuri CND. Nshuti rero mutwumva ndagirango duhagarikire ahangaha hanyuma mbifurize ubunani bwiza, ubwo turongera duhure ni mugoroba kugirango twese twese nshuti mukunda RTLM twumve ubunani turi hamwe, mugire rero amahoro mwirirwe mwari hamwe na GAHIGI Gaspard.

...93-94 rapport ya AUDI abatumiwe rero basabwe kutazabura muri iyo nama no kuhagerera igihe kandi babifurije umwaka muhire wa 1994.
. Perezida wa SNPR sendicant y'abarimu b'amashuri abanza n'agamije amajyambere y'imyuga muri perefegitura y'umujyi wa Kigali aramenyesha abagize bureau mu rwego rwa perefegitura ko bafite inama kuwa gatanu. Ni uyu munsi rero ko bafite inama tariki ya 31ukoboza 1993 saa tatu za mugitondo ubwo ni ukuvuga ko inama yatangiye ku mashuri abanza y'i Nyamirambo i NTWARI.
. ARBEF iramenyesha abaguze amatiki ya tombola bose ko iyo tombola izabera ku kigo kitiriwe Mutagatifu Pawulo kuwa gatatu tariki ya gatanu Mutarama 1994 kuva saa munani n'igice kugeza saa kumi n'igice. Abatarageza souches za tickets kuri ARBEF bihutire kuzohereza vuba.

. Sergent Major BISENGIMANA François uri muri jandarumori ku Kacyiru ararangisha ipikipiki YAMAHA AG-100 yibwe tariki ya ...